# Ntabwo ari muri twe wa wundi wikubita ku matama, akiciraho imyambaro, agahamagarira ibya kijiji

Hadith yaturutse kwa Abdullah Ibun Mas'ud (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Ntabwo ari muri twe wa wundi wikubita ku matama, akiciraho imyambaro, agahamagarira ibya kijiji."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije inihanangiriza bimwe mu bikorwa bya kijiji aho yavuze iti: Ntabwo ari umwe muri twe: Uwa mbere: Uwikubita ku matama, hano amatama yavuzwe ku buryo bw'umwihariko kuko niyo akoreshwa kenshi, naho ubundi gukubita ibindi bice by'uburanga nabyo byinjiramo. Icya kabiri: Guca imyambaro ayitatamura kubera agahinda. Icya gatatu: Guhamagarira ibya kijiji nko kwisabira imivumo no kuboroga n'ibindi.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/5380